# 407: Umurimo wacu—Ni mwiza cyane

1.
Umurimo wacu—Ni mwiza cyane : Dushakire Yesu—Abazimiye.Iyo babonetse,—Abo mw ijuru Bajya baririmba,—Bat'Aratsinze.

Ref:
Uyu murimo ni mwiza; N'Umwami Yesu ntahwema. Dushishikare dukore: Ni W uduter' imbaraga.

2.
Uwitek' ashimirw'—Umucunguzi Wadutoye twese—Ngo tube benshi. Tur' ab'intege nke:—Tujye twizera, Twe kugir' ubute—Tumukorera.

3.
Uyu murimo we—Tuwuhoremo : Twibuk' izo mbuto,—Tuzibagare ! Nyir'ibisarurwa—Yaradutumye : Tuzagororerwa—Tuzimuritse.

4.
Mu makuba yose—N'ibibabaza, Naho batugaya,—Tuzakomere. Twibuk' umurimo,—Tuwukomeze, Tub' ab'urukundo,—Ben' Uwiteka !

Visit us at indirimbo.com